

# Ihame ryo kwiyobora ku Migambi



*Nta bwenge cyangwa ubuhanga cyangwa inama byabasha kurwanya uwiteka. Imigani 21:30*

Byandistwe na rwiyezamirimo,  
John E. Schrock

*Ca akarongo ku ijamba rikuru wabonye muri iri hame.*

Nta mahirwe... ashobora kubaho ngo asimbure imana rurema, kandi ntidushobora guhangana nayo. Izi igikwiye, icyiza, ikikubereye, ndetse ni kiri bushoboke. Uko tubyakiriye vuba maze tugatangira kubaka ubuzima bwacu, haba ku gihugu n'imirimo dukora ukoresha amategeko yayo ndetse na mahame, niko tuzarushaho kumererwa neza. Ubuzima ntabwo bwakombye gukomera—ahubwo nitwe tubukomeza—tura-bukomeza iyo duhisemo inzira y'imigambi idahwitse. Imigambi rero bivuga impamvu cyangwa umuhate udutera gukora ibintu. Bamwe barabeshya, bakariganya ndetse bakayobya uburari kugira ngo bagere ku cyo bifuzwa, maze bakabyita "ubuhanga." Ibi ntaho byakugeza, usibye gusa mu gutakaza ubupfura. Webster kandi avuga ko ubuhanga nkubwo" ari ubwenge bw'isi, ntaho buhuriye n'ukuri." Ni by'ingenzi rero ko duhora duharanira ukuri. Kuyobya uburari witwaje ukuri cyangwa kuriganya amaherezo yabyo ni ukurimbuka.

Yesu yaravuze ngo hari inzira nini ituganisha mu kurimbuka, ariko hakaba indi ntoya ituganisha ku bugingo, cyangwa dushobora kuvuga ngo "ukuri niko kuzatubatura." Yashyizeho ubuzima kugira ngo dukure. Umwana akeneye kurya kugira ngo abeho kandi anakure; nicyo kimwe, ku bwenge byacu hamwe na roho yacu bikeneye kwitoza (kurya) kugira ngo bikure. Ariko tugomba kubaho mu kuri, naho ubundi twaba ibisambo. Iyo umwana arekeye aho kurya, arapfa; nicyo kimwe iyo duhagaritse, kwitoza ukuri, dupfa mu mwuka, mu bwenge ndetse amaherezo ku mubiri. Ni nko gutwara igare—iyo duhagaze, turagwa. Iyo itunda ritoshye, riba rikura; ariko iyo rihagaze gukura, rirabora. ubuzima rero ni urugendo, kandi niba twifuzwa ubuzima bwiza, tugomba guhora tuzirikana ibi bintu bitatu:

1. kurangwa no gukora igikwiye.

2. Kumva abantu hamwe n'ibihe tuba tugezemo.

3. Gukura mu bumenyi bw'imana ndetse na mategeko yayo, na mahame yashyiriyeho abantu.

Ubuzima bwiza butangira iyo imigambi yacu ikeye kandi tugakurikiza amahame, kuzirikana icyo turicyo. Tumeze nk'igicuruzwa: ireme na gaciro byacu bishingiye ku mahame twaremeweho. Iyo ducisha mu kuri ndetse ni migambi yacu ikaba ikeye, tuba abantu bazima batiyambika uruhu rw' intama kandi ari impyisi. Abantu bazahumurirwa n'ubwisanzure dufite bityo nabo ntabwo bazikakanyaza imbere yacu. Bazatwubaha kandi bazifuzwa gukorana imirimo natwe. Ntabwo twakwizera ubuhanga cyangwa ubucakura bwacu; ni tuba tubiha intebe maze bakadushyiraho igitutu igihe kizagera byose bijye hanze. Nibyo ko tugomba kugirwa inama, ariko kandi tugomba kumenya ko umujyanama mukuru wacu ari ukuri n'Imana. Ibi bizatwigisha ibiyumviro n'uburyo bufatika buzadufasha mu buzima bwacu bwose. Rimwe na rimwe turiga kugeza ubwo twiyumva ko twaminuje. Maze ubwo tugatangira kwiringira ubwenge bwacu bwite aho kwiringira ubwenge bw'Imana. Ntidushobora gukora neza tudafite ukuri. Bizafasha imigambi guhora ikeye. Guhakana imana n'ibitekerezo byayo ni nko gutwika ibigega bikugaburira, kuko Imana n'ukuri ni bimwe.

Uyu muni, muri Amerika haje abashinjacyaha bakuru babihemberwa neza kurusha ibindi bihugu ku isi. Dufite ibirego byinshi kurusha ibindi ibiri kw' isi none. Twandika by'amategeko asaga ibihumbi na yose yerekeza ku mategeko icumi y'Imana. Bamwe bageregeza kubikira abandi mu nkiko, cyangwa bakabashinja ibirego birimo za miliyoni za madorari. Twamaze kwibagirwa ijamba ryoroshye rivuga ngo "Ntugakorere abandi ibyo itifuzwa ko bagukorera." Reka rwose twe kujya twibeshya. Imana izi ibyo duhoramo, kandi bitinde bitebuke iragutamaza kabone nubwo twaba twibwira ko turi abahanga cyangwa ko dusobanukiwe. Ni byiza gusobanukirwa, ariko noneho reka tuzirikane ubushake bw' imana mu mikorere no mu byemezo dufata. Reka duce akenge twumve icyo Imana ishaka kutubwira. Aho rero tuzaba tutakibarirwa mu gatebo kamwe nababandi bitwa abahanga cyangwa intiti—ahubwo uzaba usobanukiwe.

*Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy'umwaka umwe:*

**Umusingi ku byagezweho.**

**Ibabazo byo kwibazaho:**

Byaba ari igisebo gikomeye kugira amafuti akonona byose.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed